

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/19.19 RYO KUWA 21/07/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI N° 15/19 RYO KU WA 13/06/2003 RIGENA AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU MU NZEGO Z'IMIRIMO YA LETA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 20/19.19 OF 21/07/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE MINISTERIAL ORDER N° 15/19 OF 13/06/2003 CONCERNING WEEKLY DURATION HOURS WITHIN PUBLIC SERVICE</p>	<p>ARRETE MINISTERIEL N° 02/19.19 DU 21/07/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE MINISTERIEL N° 15/19 DU 13/06/2003 FIXANT LA DUREE HEBDOMADAIRE DU TRAVAIL DANS LES SERVICES PUBLICS</p>
<p><b>ISHAKIRO</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u></b> Ikigamijwe n'iri teka</p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u></b> Amasaha y'akazi mu cyumweru</p> <p><b><u>Ingingo 3:</u></b> Amasaha y'akazi ku munsu</p> <p><b><u>Ingingo ya 4:</u></b> Ivanwaho kw'ingingo zinyuranye n'iri teka</p> <p><b><u>Ingingo ya 5 :</u></b> Igihe iteka ritangira gukurikizwa</p>	<p><b>TABLE OF CONTENTS</b></p> <p><b><u>Article One:</u></b> Purpose of this Order</p> <p><b><u>Article 2 :</u></b> Weekly working hours</p> <p><b><u>Article 3:</u></b> Daily working hours</p> <p><b><u>Article 4:</u></b> Repealing provision</p> <p><b><u>Article 5:</u></b> Commencement</p>	<p><b>TABLE DE MATIERES</b></p> <p><b><u>Article premier :</u></b> Objet du présent arrêté</p> <p><b><u>Article 2 :</u></b> Heures de travail hebdomadaires</p> <p><b><u>Article 3 :</u></b> Heures journalières de travail</p> <p><b><u>Article 4:</u></b> Disposition abrogatoire</p> <p><b><u>Article 5 :</u></b> Entrée en vigueur</p>

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N°20/19.19 RYO KU WA 21/07/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI N° 15/19 RYO KU WA 13/06/2003 RIGENA AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU MU NZEGO Z4IMIRIMO YA LETA</b></p> <p><b>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 37, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko N° 22/2002 ryo ku wa 09/07/2002 rishyiraho Sitati rusange y'Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 31;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri N° 15/19 ryo ku wa 13/06/2003 rigena amasaha y'akazi mu cyumweru mu Nzego z'imirimo ya Leta mu ngingo zaryo iya mbere, iya 2 n'iya 3;</p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N° 20/19.19 OF 21/07/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE MINISTERIAL ORDER N° 15/19 OF 13/06/2003 CONCERNING WEEKLY DURATION HOURS WITHIN PUBLIC SERVICE</b></p> <p><b>The Minister of Public Service and Labour;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 37, 120, 121 and 201;</p> <p>Pursuant to Law N° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service, especially in Article 31;</p> <p>Having reviewed the Ministerial Order N° 15/19/2003 of 13/06/2003 concerning weekly duration hours within Public Service in Articles One, 2 and 3;</p>	<p><b>ARRETE MINISTERIEL N° 02/19.19 DU 21/07/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE MINISTERIEL N° 15/19 DU 13/06/2003 FIXANT LA DUREE HEBDOMADAIRE DU TRAVAIL DANS LES SERVICES PUBLICS</b></p> <p><b>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 37, 120, 121 et 201;</p> <p>Vu la Loi N° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en son article 31 ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel N° 15/19 du 2003 fixant la durée hebdomadaire du travail dans les Services Publics en ses articles premier, 2 et 3;</p>
--	---	---

<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;</p> <p><b>ATEGETSE :</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rihindura kandi rikuzura Iteka rya Minisitiri N° 15/19 ryo ku wa 13/06/2003 rigena amasaha y'akazi mu cyumweru mu Nzego z'imirimu ya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo 2: Amasaha y'akazi mu cyumweru</u></b></p> <p>Ingingo ya mbere y' Iteka rya Minisitiri N° 15/19 ryo ku wa 13/06/2003 rigena amasaha y'akazi mu cyumweru mu Nzego z'imirimu ya Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Amasaha y'akazi mu cyumweru mu Nzego z'imirimu ya Leta ni amasaha mirongo ine n'atanu (45). »</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 19/06/2009;</p> <p><b>ORDERS :</b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order modifies and complements the Ministerial Order N° 15/19/2003 of 13/06/2003 concerning weekly duration hours within Public Service.</p> <p><b><u>Article 2: Weekly working hours</u></b></p> <p>Article One of the Ministerial Order N° 15/19 of 13/06/2003 concerning weekly duration of working hours within Public Service is modified and complemented as follows:</p> <p>«The weekly working hours within public service institutions are forty five (45) hours. »</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 19/06/2009 ;</p> <p><b>ARRETE :</b></p> <p><b><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté complète et modifie l'Arrêté Ministériel N° 15/19 du 2003 fixant la durée hebdomadaire du travail dans les Services Publics.</p> <p><b><u>Article 2 : Les heures de travail hebdomadaires</u></b></p> <p>L'Article premier de l'Arrêté Ministériel N° 15/19 du 13/06/2003 fixant la durée hebdomadaire du travail dans les Services Publics est modifié et complété comme suit :</p> <p>« Les heures de travail par semaine pour les Institutions Publiques sont fixées à quarante cinq heures (45).»</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo 3: Amasaha y’akazi ku munsu</u></b></p> <p>Ingingo ya 2 y’ Iteka rya Minisitiri N° 15/19 ryo ku wa 13/06/2003 rigena amasaha y’akazi mu cyumweru mu Nzego z’imirimo ya Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Amasaha y’akazi ku munsu ni amasaha icyenda, akorwa buri munsu kuva ku wa mbere kugera ku wa gatanu, uretse ku minsi itari iy’akazi yemewe n’Amategeko.</p> <p>Amasaha y’akazi ku munsu akorwa guhera saa moya za mu gitondo (7h00) kugeza saa kumi n’imwe za nimugoroba (17h00) hagacamo ikiruhuko cy’isaha imwe gitangira saa sita (12h00) kikageza saa saba (13h00).»</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Imirimo idashobora guhagarikwa ku nyungu rusange</u></b></p> <p>Ingingo ya 3 y’ Iteka rya Minisitiri N° 15/19 ryo ku wa 13/06/2003 rigena amasaha y’akazi mu cyumweru mu Nzego z’imirimo ya Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 3: Daily working hours</u></b></p> <p>Article 2 of the Ministerial Order N° 15/19 of 13/06/2003 concerning weekly duration of working hours within Public Service is modified and complemented as follows:</p> <p>«The daily working hours are nine hours from Monday to Friday except on Public Holidays.</p> <p>The daily working hours are carried out from seven a.m (7:00 a.m) up to five p.m.(5:00 p.m) with a one hour break starting from midday up to one p.m (1:00 a.m).»</p> <p><b><u>Article 4: Continuity of services for general interest</u></b></p> <p>Article 3 of the Ministerial Order N° 15/19 of 13/06/2003 concerning weekly duration of working hours within Public Service is modified and complemented as follows:</p>	<p><b><u>Article 3 : Les heures journalières de travail</u></b></p> <p>L’Article 2 de l’Arrêté Ministériel N° 15/19 du 13/06/2003 fixant la durée hebdomadaire du travail pour les Services Publics est complété et modifié comme suit :</p> <p>«Les heures journalières de travail sont fixées à neuf par jour, de lundi à vendredi excepté les jours fériés.</p> <p>Le travail journalier s’effectue à partir de sept heures du matin (7h00) jusqu’à dix sept heures (17h00) avec une pause d’une heure de douze heures à treize heures (13h00).»</p> <p><b><u>Article 4 : Continuité des prestations pour intérêt général</u></b></p> <p>Article 3 de l’Arrêté Ministériel N° 15/19 du 13/06/2003 fixant la durée hebdomadaire du travail pour les Services Publics est complété et modifié comme suit :</p>
---	--	---

<p>«Inzego za Leta n'ibigo bya Leta bifite imirimo idashobora guhagarikwa ku nyungu rusange z'igihugu, zishobora kudakurikiza ibiteganywa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 3 y'iri teka, bikamenyeshwa Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></b></p> <p>Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, ku wa .....</p> <p><b>MUREKEZI Anastase</b> Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>«The State departments wishing to continue their work may depart from the provisions of Article 3, paragraph 2 of this Order, provided that such derogation is communicated to the Minister in charge of Public Service.»</p> <p><b><u>Article 5: Repealing provision</u></b></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p> <p><b><u>Article 6: Commencement</u></b></p> <p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on .....</p> <p><b>MUREKEZI Anastase</b> Minister of Public Service and Labour</p>	<p>«Les services de l'Etat exigeant la continuité de leurs prestations peuvent déroger aux dispositions de l'article 3 alinéas 2 du présent arrêté, sous condition d'en informer le Ministre ayant la Fonction publique dans ses attributions.»</p> <p><b><u>Article 5: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 6: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le .....</p> <p><b>MUREKEZI Anastase</b> Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
--	---	--

